CENTRE SCOLAIRE NOËL DE NYUNDO YASUWE N'UMWEPISKOPI

kuri uyu wa kabiri tariki 05/07/2016 ahagana mu ma saa 11h10 Nyiricyubahiro Musenyeri Anaclet MWUMVANEZA, Umushumba wa Diyosezi ya Nyundo yasuye ishuri rya Centre Scolaire Noël de Nyundo. Akihagera, abanyeshuli n'abarezi bamwakiranye urugwiro n'ibyishimo.

Umwepiscopi yafashe akanya azenguruka urwo rugo rwose. Yabanje kugenda azenguruka muri buri shuli asuhuza abanyeshuli bose. Nyuma yaho, yakomeje asura n'ibindi bice by'urwo rugo kuri ubu bidakorashwa mu bijyanye n'ishuli.

Nyuma y'uko gutambagira, abanyeshuli bose n'abarezi ndeste na commite y'ababyeyi bateraniye aho bahurira kugirango bakurikirane akarasisi k'abanyeshuli. Aho ngaho bahakurikiraniye n'ijambo ryavunzwe na Padiri Laurent NGENDAHAYO umuyobozi w'iryo shuli, yagaragaje uko iryo shuli ryatangiye, imikorere yaryo n'ingamba bafite kugira ngo rizabe ishuli ntangarugero.

Nyuma y’iryo jambo bakurikiye ijambo rya Nyiricyubahiro Musenyeri Anaclet MWUMVANEZA. Mu ijambo rye, yashimiye ubuyobozi bw’iryo shuli, abarezi bose muri rusange, ndeste n’abandi bose bafitemo imirimo itandukanye kuko bigaragara ko bose bitanga. Yabwiye abana ko ibyo bakora byose ari kugira ngo babafashe kugera ku nzozi zabo.

Yasabye kandi abarimu gukomeza kurushaho gukorana umwete, ubwitange ndeste n’urukundo mu rwego rwo guharanira guha abana uburezi bufite ireme. Arifuza ko mu bihe bizaza, iryo shuli ryagira icyiciro cy’amashuri yusumbuye ndetse hakazagera na kaminuza kandi abana bari kwigamo ubu bakazakomeza kwimuka bajya muri ibyo byiciro. Yasoje abasezeranya ko azajya ahanyura kenshi akabasura kugira ngo arebe niba bamerewe neza.

Fratri J ean Patrick HABIMANA